# UBUTUMWA BUSOZA UMWAKA BWA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA Y' U RWANDA AKABA N'UMUGABA W'IKIRENGA W'INGABO Z'URWANDA YAGENEYE INZEGO Z'UMUTEKANO.

Mu izina rya Guverinoma y' u Rwanda, iry'Abaturage b'u Rwanda, ndetse no mu izina ryanjye bwite, nagira ngo nifurize aba ofisiye n'abandi basirikare mu ngabo z'u Rwanda, hamwe n'abagize izindi nzego z'umutekano n'imiryango yanyu iminsi mikuru myiza n'Umwaka mushya w'Uburumbuke wa 2022.

Ndifuza kandi kubashimira ubwitange mwagaragaje mu kuzuza inshingano zanyu zitandukanye zo kurengera no kurinda abaturage b'u Rwanda mu mwaka wa 2021, umwaka waranzwe n'ibibazo bitandukanye haba mu gihugu cyacu ndetse no mu mahanga.

Nubwo habaye ibyo bibazo birimo n'icyorezo cya Covid-19, mwakomeje kuzuza inshingano zanyu mu buryo bushimishije, kandi mukorana umurava, ubwitange n'ubunyamwuga. Muteye ishema igihugu cyacu.

Mfashe uyu mwanya rero ngo nshimire by'umwihariko abari mu kazi mu mahanga, baba abariyo mu buryo bw'amasezerano hagati y'ibihugu byacu, cyangwa abari mu butumwa bw' Umuryango w'Abibumye bwo kubungabunga amahoro ku isi. Kuba muri kure y'abanyu, cyane cyane muri ibi bihe by'iminsi mikuru, ni uburyo budasanzwe bwo gushimangira ubwitange bwanyu mu guharanira amahoro n'ituze ku mugabane wacu no hirya no hino ku isi. Igihugu cyose kibashimiye akazi mukora.

Ubwo dutangiye umwaka mushya, ndabasaba gukomeza gusigasira indangagaciro zituranga no gukomeza umuco w'ubutwari uturanga nk'Abanyarwanda.

Ndabasaba gukomeza guhesha ishema igihugu cy'u Rwanda, gukomeza gukorana umurava, mushimangira byimazeyo icyizere mwagiriwe n'abaturage bacu ndetse n'inshuti zacu.

Nongeye kubifuriza hamwe n'imiryango yanyu umwaka mushya muhire wa 2022.